# SchoolCash Online

## SchoolCash Online ni iki?

SchoolCash Online ni uburyo bworoshye kandi bwizewe bwo kwishyurira umunyeshuri amafaranga y'ishuri kuri interineti. Ushobora kwishyurira umunyeshuri ingendoshuri n'ibindi byinshi ukanze gake gusa.

## Uko biyandikisha muri SchoolCash Online

### INTAMBWE YA 1:

- Jya ku paji ya SchoolCash: https://www.schoolcashonline.com/
- Kanda kuri Register (Kwiyandikisha).
- Uragera kuri paji abakoresha porogaramu biyandikishaho
- Uzuza ifishi yo kwiyandikisha ngo ukoreshe porogaramu.

**Inama: Ijambo ry'ibanga ryawe rigomba kuba rigizwe nibura n'ibimenyetso 8, inyuguti nkuru imwe, inyuguti nto imwe n'umubare umwe.**


**Icyitonderwa:** Akamenyetso x gatukura kerekana ko amakuru yanditswe arimo ikosa. Hindura ahuzuzwa hose hatari akamenyetso kavivura k'ubururu n'umweru iburyo.

Hitamo Continue (Gukomeza).

Uroherezwa ku rupapuro rwa imeyili yemeza.

### INTAMBWE YA 2:

- Reba muri imeyili yawe hari imeyili yoherejwe na noreply@schoolcashonline.com.
- Kanda ku mushumi urimo wemeza ukwiyandikisha.
- Harafunguka akandi kadirishya kakubwira ko kwiyandikisha byagenze neza.


Impamvu: School Cash Online: Emeza imeyili yawe
Kuri: janedoe
Bivuye kwa: noReply@schoolcashonline.com
Yakiriwe: Kuwa gatanu, tariki ya 24 Mutarama 2020 saa munani n'iminota 29 n'amasegonda 55 GMT-0500 (Isaha isanzwe y'uburasirazuba)
IP yakoreshejwe mu kohereza:
Ibice: html
Imigereka

Uraho Jane,

Kanda ku mushumi ukurikira kugira ngo wemeze imeyili yawe.

Murakoze,

Itsinda ry'ubufasha rya School Cash Online

## INTAMBWE YA 3

- Kongeraho umunyeshuri: Hitamo inama y'uburezi y'ishuri ryawe (Halifax Regional Centre for Education), hitamo ishuri ryawe (Rocky Lake Elementary).
- Andika izina ry'ingereka ry'umunyeshuri, izina bwite n'itariki y'amavuko

**Urangije igenamiterere, ukaba witeguye kugura!**

# Ibibazo bikunze kubazwa

- **Nabona gute nomero iranga umunyeshuri y'umunyeshuri wanjye?**

Nomero iranga umunyeshuri wayibona uvugana n'umukozi ufasha umuyobozi, (enter admin asst email)

- **Simbashije kubona icyo nashakaga kugura**

Injira, hitamo akadirishya k'ibicuruzwa. Urabonamo utundi tudirishya dutandukanye, harimo n'amazina y'abanyeshuri bakuriho, izina ry'akarere k'amashuri na Show All Items (Kugaragaza ibihari byose). Hitamo akadirishya karimo ibyo ushaka kureba. Urugero. Amazina y'umunyeshuri. Niba utabashije kubona icyo ushaka kugura, vugana n'umukozi ufasha umuyobozi w'ishuri ryawe.

Impamvu zituma ibicuruzwa bitaboneka zirimo kwibagirana bitagambiriwe, kurenza igihe, igicuruzwa cyagurishijwe, igicuruzwa ntikirashyirwa ku rukuta no kuba umunyeshuri ugurira yaramaze kukigurirwa.

- **Gusubizwa amafaranga**

Kugira ngo usabe gusubizwa amafaranga y'ikintu cyaguzwe kuri SchoolCash Online, vugana n'umukozi wo mu buyobozi bw'ishuri.